Amasezerano ya Waitangi yashyizweho umukono bwa mbere ku wa 6 Gashyantare 1840. Yanditswe mururimi rwa Maaori ahabwa izina rya **Te Tiriti o Waitiangi**. Izi ni zimwe mungingo z'ingenzi zemeranyijweho.

INSHAMAKE Y' AMASEZERANO YA WAITANGI

INTANGIRIRO

Umwamikazi ashaka ko abayobozi b'abamaaori n'igihugu cya New Zealand bagumana ubutaka n'ubwigenge bwabo, kandi ko bose babana mu mahoro. Aya masezerano ni ayo kugira umuyobozi (Guverineri) w'abaturage be kurubu batuye muri New Zealand ndetse n'abazahaza nyuma.

ICYA MBERE

Abayobozi b'abamaaori bahaye umwamikazi w'ubwongereza uburenganzira buhoraho bwo kugira umuyobozi (Guverineri) kubutaka bwabo.

ICYA KABIRI

Umwamikazi yemera ko abamaaori bagumana ubwigenge n'ubusugire kubutaka bwabo bwose, no kukindi cyose cy'ingenzi kibafitiye akamaro. Abayobozi b'abamaaori bemerera umwamikazi kugira imigabane y'ubutaka kugiciro cyumvikanyweho, mu gihe nyirubutaka ashaka kubutanga.

ICYA GATATU

Umwamikazi yasezeranye kwita kubamaaori kandi akabaha uburenganzira nk'ubwabandi baturage b'ubwongereza.

ICYA KANE (AMASEZERANO MUMVUGO)

Umuyobozi (Guverineri) afite isezerano ryo gusigasira imigenzo y'abamaaori n'indi myizerere yose iri muri New Zealand.

INSHAMAKE Y'

AMASEZERANO YA WAITANGI

Amasezerano ya Waitangi yashyizweho umukono bwa mbere ku wa 6 Gashyantare 1840. Yanditswe mururimi rwa Maaori ahabwa izina rya **Te Tiriti o Waitiangi**. Izi ni zimwe mungingo z'ingenzi zemeranyijweho.

INTANGIRIRO

Umwamikazi ashaka ko abayobozi b'abamaaori n'igihugu cya New Zealand bagumana ubutaka n'ubwigenge bwabo, kandi ko bose babana mu mahoro. Aya masezerano ni ayo kugira umuyobozi (Guverineri) w'abaturage be kurubu batuye muri New Zealand ndetse n'abazahaza nyuma.

ICYA MBERE KO TE TUATAHI

Abayobozi b'abamaaori bahaye umwamikazi w'ubwongereza uburenganzira buhoraho bwo kugira umuyobozi (Guverineri) kubutaka bwabo.

ICYA KABIRI KO TE TUARUA

Umwamikazi yemera ko abamaaori bagumana ubwigenge n'ubusugire kubutaka bwabo bwose, no kukindi cyose cy'ingenzi kibafitiye akamaro. Abayobozi b'abamaaori bemerera umwamikazi kugira imigabane y'ubutaka kugiciro cyumvikanyweho, mu gihe nyirubutaka ashaka kubutanga.

ICYA GATATU KO TE TUATORU

Umwamikazi yasezeranye kwita kubamaaori kandi akabaha uburenganzira nk'ubwabandi baturage b'ubwongereza.

ICYA KANE (AMASEZERANO MUMVUGO)

Umuyobozi (Guverineri) afite isezerano ryo gusigasira imigenzo y'abamaaori n'indi myizerere yose iri muri New Zealand.

ITANDUKANIRO HAGATI Y'AMASEZERANO YA WAITANGI MURURIMI RWA MAORI N'INYANDIKO Y'AMASERANO YANDITSWE MU CYONGEREZA

Iki gice kigaragaza ingingo z'ingenzi muri buri nyadiko

	TE TIRITI O WAITANGI	INYANDIKO MU CYONGEREZA
INGINGO YA 1	Abayobozi b'abamaaori bahaye umwamikazi w'ubwongereza uburenganzira buhoraho bwo kugira umuyobozi (Guverineri) kubutaka bwabo.	Abayobozi b'abamaaori bahaye umwamikazi ubudahangarwa kugihugu cya New Zealand cyose.
INGINGO YA 2	Umwamikazi yemera ko abamaaori bagumana ubwigenge n'ubusugire kubutaka bwabo bwose, no kukindi cyose cy'ingenzi kibafitiye akamaro. Abayobozi b'abamaaori bemerera umwamikazi kugira imigabane y'ubutaka kugiciro cyumvikanyweho, mu gihe nyirubutaka ashaka kubutanga.	Umwamikazi yizeza abamaaori bose kugira uburenganzira k'ubutaka, amashyamba, n'uburobyi. Niba umumaaori ashatse kugurisha ubutaka bwe, agomba kubugurisha ku mwamikazi gusa.
INGINGO YA 3	Umwamikazi yasezeranye kwita kubamaaori kandi akanabaha uburenganzira nk'ubwabandi baturage b'ubwongereza.	Umwamikazi yasezeranye kurinda abamaaori akanabaha uburenganzira bumwe n'ubw'abandi bafite aho bahuriye n'ubwongereza.
INGINGO YA 4 (AMASEZERANO MU MVUGO)	Umuyobozi (Guverineri) afite isezerano ryo gusigasira imigenzo y'abamaaori n'indi myizerere yose iri muri New Zealand.	

NI AYAHE MASEZERANO NYAKURU?

TE TIRITI O WAITANGI	INYANDIKO MU CYONGEREZA
Yashyizweho umukono n'abayobozi b'abamaaori basaga 500 hamwe na Guverineri (umuyobozi) w'ubwongereza wari uhagarariye umwamikazi.	Yashyizweho umukono n'abayobozi b'abamaaori 39.
Aya ni amasezerano yemewe n'amategeko mpuzamahanga. Amategeko mpuzamahanga yahaye agaciro inyandiko y'abamaaori mw'ibwiriza rya *contra proferentem*. Ibi bisobanura ko iyo amasezerano adasobanutse, agomba gusobanurwa muburyo buvuguruza uwayatanze.	Aya niyo masezerano abongereza bifuzaga. Ubuyobozi bwa New Zealand bwashingiye ububasha bwayo ku nyandiko.
Aya masezerano aha agaciro Ubusugire bw'abamaori kuri Aotearoa / New Zealand.	Iyi nyandiko ivuga ko abamaaori bahaye ubusugire umwamikazi.

Kuki Amasezerano ya Waitangi ari ngombwa kuri buri wese muri New Zealand?

Aba maaori nibo bantu bambere ba Aotearoa / New Zealand. Biyita Tangata whenua – Abasangwabutaka.

Amasezerano ya Waitangi yanditswe mururimi rwa Maaori ahabwa izina rya Te Tiriti o Waitangi.

Muri Te Tiriti o Waitangi, abamaaori bemereye abimukira gutura igihe cyose bubashye ubusugire, ubutaka, ururimi, numuco by'abamaaori.

Twese abaje gutura hano twakwiyita tangata tiriti – abantu b'amasezerano.

Iyi niyo mpamvu tugomba gusobanukirwa no kubaha amazerano ya waitangi.

Ukeneye kumenya byinshi kumasezerano ya Waitangi?

Twandikire kuri **treatypeople@gmail.com** usabire kominote yawe umunsi wo kumenya n'ibijyanye n'amasezerano ya Waitangi.

Saba inyandiko z'amasezerano ya Waitangi mu Kinyarwanda

www.treatypeople.org/languages



Twandikire usabira kominote yawe impapuro zisobanura aya masezerano.

treatypeople@gmail.com

TREATY FOR EVERYONE

Te Tiriti o Waitangi | Kinyarwanda

Amasezerano ya Waitangi mu Kinyarwanda



Ushobora kumenya ibijyanye n'amasezerano ya Waitangi, wakoresha muri kominote yawe, mu mashuli, no mu miryango

Amashusho | Videwo | No kuri interineti

Tangata Tiriti - Treaty People Education Programme